



Rwanda National Human Development Report

Policy Innovations and Human Development

Rwanda's Home-Grown Solutions

August, 2021



Copyright © 2021

By the United Nations Development Programme
1 UN Plaza, New York, New York, 10017, USA

Please visit: <http://www.hdr.undp.org/>

Copyright © UNDP 2021. All rights reserved.

Design and layout by Phoenix Design Aid A/S.

INCAMAKE

Raporo y’U Rwanda ku Majyambere abaturarwanda bamaze kugeraho muri 2018 yanditswe bitewe n’intambwe ishimishije u Rwanda rwagezeho mu myaka 15 ishize mu birebana n’imiyoborere myiza, ubukungu n’imibereho by’abaturarwanda, by’umwihariko iyo twibutse imbogamizi n’inzitizi byaterwaga nuko igihugu cyari kivuye mu bihe bikomeye bya Jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994.

Ingamba n’ibisubizo bishingiye ku muco gakondo byabaye imbarutso byagejeje u Rwanda ku majyambere yihuse. Ku bw’ibyo rero iyi Raporo, *Politiki yo Gubanga Udushya no Guteza imbere imibereho y’ikiremwa muntu –Ibisubizo bishingiye ku mwimerere Nyarwanda*, igamije gusesengura no gucukumbura amakuru ajyanye n’uruhare rw’Ibisubizo bishingiye ku mwimerere Nyarwanda mu kuzamura imibereho y’abaturarwanda.

Iyi Raporo isesengura uruhare rw’*Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda*, byatekererejwe n’abenegihugu bigahuzwa n’ibihe ngo ziteze imbere imibereho y’abaturarwanda.

Iyi raporo ishingiyeye ku ngingo eshatu z’ibanze: Gahunda z’udushya zizamura vuba ubukungu n’imibereho y’abaturage; uruhare rufatika rw’abaturage mu mpinduka z’ubukungu zizamura imibereho y’abo; n’ingamba zishingiye by’umwihariko ku byo abaturage bakeneye, ibyo bemera n’ibyo bifuzwa kandi zikubahiriza umuco n’imibereho yabo ku buryo bagira uruhare rufatika ndetse n’intambwe zose z’amajyambere bakabigira ibyabo.

Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda byatekererejwe kandi bigatunganyirizwa imbere mu gihugu byazanywe impinduka mu bukungu budaheza, mu buryo burambye kandi buzamura imibereho n’agaciro bya muntu.

Izamuka mu mibereho n'agaciro bya muntu mu Rwanda – icyerekezo, ikibiranga n'impamvu zibiri inyuma.

Raporo igaragaza ko hagati y'umwaka wa 1990 n'uwa 2017, igipimo cy'amajyambere ya muntu u Rwanda rwagezeho cyikubye inshuro zirenze ebyiri, kiva kuri 0.250 kigera kuri 0.524, bituma u Rwanda ruhiga ibindi bihugu kw'Isi mu muvuduko w'izamuka ry'imibereho y'abaturage ku mwaka. Iri zamuka kandi rishimangirwa n'izamuka ryagaragaye mu bice byose by'imibereho ya muntu ariko cyane cyane mu birebana no kwita ku buzima bw'abantu no kuvura indwara mu Rwanda.


Umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu kuri buri muturarwanda (GNI) wavuye ku madolari y'Amerika 1,424 muri 2011 ugera ku 1,811 muri 2017, bitewe n'izamuka ry'ubukungu riri hejuru ryageze kuri 7 ku ijana buri mwaka. icyizere cyo kubaho cyavuye ku myaka 49 mu mwaka wa 2000 kigera ku myaka 67 mu mwaka wa 2017. Ibi byatwe ahanini no kwegereza ubuvuzi abaturage byavuye kuri 31 ku ijana muri 2003 bigera kuri 83 ku ijana muri 2016. Impuzandengo y'imyaka umuturarwanda yizera kuziga yarazamutse igera ku myaka 11.2 mu mwaka wa 2017 ivuye ku myaka 7.2 mu mwaka w'I 2000. Cyakora imyaka nyayo umuntu yize yazamutse buhoro, kuva ku myaka 2.3 mu mwaka wa 2000 kugeza ku myaka 4.1 mu mwaka wa 2017. Aha niho u Rwanda rwazamutse buke mu birebana n'imibereho ya muntu. Ibi biniyongeraho ko ireme ry'uburezi ritaragera ku rwego rwifuzwa mu Rwanda.

Cyakora, iyi Raporo yerekana ko izamuka mu mibereho ya muntu mu Rwanda, kimwe mu byatumye igipimo cy'amajyambere ya muntu kizamuka mu buryo bugaragara, ryaje gusubira inyuma buke muri 2016/2017 bitewe n'amapfa

yakurikiye izuba ryinshi byatumye umusaruro w'ingo ugabanuka.

Mu muji wa Kigali niho imibereho ya muntu yazamutse cyane kandi ni naho hafite igipimo kiri hejuru mu gihugu. Mu ntara y'amajyarugu igipimo cyazamutse kuva 0.49 muri 2010/11 kigera kuri 0.51 muri 2013/14 ariko nticyahindutse kugeza muri 2016/17. Mu ntara z'Iburasirazuba, Amajyepfo n'Iburengerazuba, ibipimo byazamutse hagati ya 2010/11 na 2013/14 ariko bimanuka gahoro muri 2016/17. Raporo igaragazako imibereho y'abatuye itandukanye mu ntara zigize U Rwanda. Mu gihe intara y'Amajyaruguru yazamutse iva ku mwanya wa gatanu muri 2010/11 na 2013/14 ikagera ku mwanya wa gatatu muri 2016/17, Intara y'Iburasirazuba yasubiye inyuma iva ku mwanya wa kabiri muri 2010/11 na 2013/14 igera ku mwanya wa gatanu (wa nyuma) muri 2016/17. Ikinyuranyo cy'ibipimo hagati y'intara cyaragabanutse hagati ya 2010/11 na 2013/14 ariko nyuma y'aho cyongera kuzamuka bigaragaza ko hakenewe gusaranganya amajyambere ku buryo burushijeho.

Muri iyi raporo kandi hasuzumwe igipimo cy'ubukene budashingiye ku mafaranga ahubwo bufitanye isano n'ubuzima, uburezi, imiturire ndetse n'ibidukikije. Aha naho iki gipimo kiragaza ko imibereho myiza yateye imbere ku buryo bufatika kuko ubukene kuri ibyo byavuzwe haruguru bwagabanutse bukava kuri 0.461 muri 2005 bukagera 0.266 muri 2017. Iterambere mu buvuzi ni imwe mu mpanvu zikomeye zatumye iyi mibereho myiza igerwaho. N'ubwo bimeze bityo, hagaragaye ko hejuru ya kimwe cya kabiri cy'ubukene budashingiye ku mafaranga buterwa no kubura iby'ibanze umuntu akenera mu buzima bwa buri muni, bikerekana ko hakenewe kongerwa imbaraga mu gushaka ibyafasha abaturarwanda kubona by'ibanze bakenera. Igipimo cyo guteza imbere ubwuzuzanye bushingiye ku gitsina cyarazamutse kiva kuri 0.922 muri 2005 kigera kuri 0.941 muri 2017, mu gihe igipimo cy'ubusumbane bushingiye ku gitsina (GII) cyagabanutse bigaragara kuva kuri 0.487 muri 2005 kugeza kuri 0.381 muri 2017.



N'ubwo imbaranga nyinshi zashyizwe mu kugabanya ubusumbane mu musaruro w'ubukungu abaturarwanda binjiza mu mwaka, kandi bukaba bwaragiye bugabanuka, buracyari hejuru. Igipimo cya Gini, cy'ubusumbane cyaragabanutse kuva kuri 52.2 ku ijana muri 2005/06 kugeza kuri 42.9 ku ijana muri 2016/17, n'ubwo hakigaragara ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo ndetse no hagati y'intara. Muri rusange, umusaruro w'umugore uri hasi ho 24 ku ijana ku w'umugabo. Iyo isesengura rirebye ubusumbane, igipimo cy'imibereho ya muntu mu Rwanda cyigabanukaho 36.4 ku ijana muri 2017.

Umusanzu Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda n'amajyambere ya muntu.

Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda ni ibisubizo by'ubudasa kandi bizana udushya mu guhangana n'ibibazo u Rwanda rwahuye nabyo nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994. Ibi bisubizo bikomoka ku muco w'abanyarwanda wo kwishakamo ibisubizo ubwabo.

Ibi bisubizo (gahunda) byatekererejwe mu Rwanda kandi bishyirwa mu bikorwa mu gihugu hose kuva muri 2006, nyuma yo gukemura ibibazo byihutirwaga cyane byasizwe na Jenocide yakorewe abatutsi muri 1994. Ibisubizo 5 Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda aribyo ibi bikurikira: gahunda ya Girinka (inka kuri buri rugo rukennye), Gahunda ya Vision 2020 Umurenge (VUP), Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (CBHI), Gahunda y'Imihigo na Gahunda y'imirimo rusange, Umuganda (gukorera igikorwa rusange hamwe) – nibyo iyi raporo isesengura.

Guhitamo izo gahunda zavuzwe haruguru byashingiye ku bintu bibiri: izo eshanu bigaragara ko arizo zihindura imibereho y'abaturarwanda ku buryo bufatika; kandi zikazana udushya dukomeye nyuma yo kugenda zinozwa kugirango zitange umusaruro uri hejuru.

Nyuma yo gusesengura amakuru, Raporo irerekana ko, Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda byazamuye bifatika imibereho n'agaciro bya muntu mu Rwanda. Raporo irerekana isano nziza n'uruhererekane hagati y' Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda n'ibice bitatu by'amajyambere ya muntu – kubaho neza kandi igihe kirekire, uburenganzira bwo kwigishwa no kugera ku bumenyi butandukanye no kubaho ufite ibyangombwa bihesha agaciro ikiremwa muntu. Ntitwakwibagirwa kongeraho isano nziza yabonetse hagati y' Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda n'igipimo cy'imibereho ya muntu mu Rwanda. Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda byagize kandi uruhare rukomeye mu kugabanya ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore ndetse no hagati y'intara 4 n'Umujyi wa Kigali bigize u Rwanda. Ibi bigaragazwa cyane n'uburyo ubushobozi bwo guhaha bugenda burushaho kuzamuka no gusa hagati y'abagore n'abagabo mu ntara zose z'igihugu.

Mw'isesengura ry'amajyambere u Rwanda rwagezeho, byagaragaye ku buryo bufatika ko Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda byagize uruhare rukomeye mu kwimakaza ubumwe bw'abanyarwanda ndetse n'Iterambere rya muntu rihamye. Ibi byatumye abaturarwanda bizerana kurushaho maze barangamira amajyambere y'igihugu cyabo.

Cyakora, haracyagaragara ikinyuranyo hagati y'uturere mu ishyirwa mu bikorwa ry'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda no mu bipimo by'amajyambere ya muntu.

Amasomo n'ubutumwa dukura mu isano iri hagati y' Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda n'amajyambere ya muntu.

Iyi Raporo yerekana impamvu nyinshi zatumye heswa imihigo ikanasobanura impamvu Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda byageze ku ntego mu Rwanda. Izo ngamba ni izi zikurikira:


Uruhurirane rw'ubushake bwa politiki bw'inzego zitandukanye bworoheje itekerezwa n'ishyirwa mu bikorwa ry' Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda. Ubushake bwa politiki bw'abayobozi bakuru ndetse na Leta yose byatumye bishokoba ko hitabwa ku bakennye kurusha abandi hakoreshejwe ubushobozi buke bwari buhari maze *Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda* bigera ku ntego yari igamijwe. *Gahunda zigize Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda* zatekerejwe kandi zishyirwa mu bikorwa hagamijwe kugera ku ntego zisobanutse, ari nayo mpamvu uruhare rwa buri wese rwari ruzwi kandi byoroshye kurumubaza. Inzego zubatse neza, zirimo iz'ibanze ndetse n'abakorerabushake bagize uruhare rukomeye mu gutuma gahunda z'ibikorwa zigera ku baturage uko zari ziteganyijwe.

Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda bigera ku ntego kuko bishingiye ku muco, indangagaciro zawo ndetse n'imibereho by'abaturarwanda. Iyi Raporo igaragaza ko kuba Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda bifite imizi yabyo mu muco n'indangagaciro z'igihugu bituma abaturarwanda bumva neza ikigamijwe maze nabo bakitanga batizigamye hatabayeho ubundi bukangurambaga cyangwa kwitezwa ibihembo. Urugero rworoshye, ni uko abaturage basanzwe babonye Girinka nk'uburyo bwiza bwo kubakungahaza no kubungabunga umuco ubahuza. Umuganda nawo utuma barushaho kumvako ibintu ari ibyabo ndetse ukanabahuza na Leta mu gihe Imihigo ivoma mu mateka y'u Rwanda mu kwihesha agaciro, gukora cyane, gukorera ku ntego kandi buri wese akaba yiteguye kuba yabazwa ibyo ashinzwe cyangwa yari ashinzwe gukora.

Gukomeza kwiga no kureba uko Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda byahuzwa n'ibibe ndetse n'ibyifuzo n'ibibazo bigomba gukemurwa biri mu byatumye gahunda yabyo yesa imihigo. Ishyirwa mu bikorwa ry'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda ryashobotse kubera ko Leta y'u Rwanda yakomeje kugira umuhate wo kwiga, gusesengura no kwigira ku masomo y'ibyo yabaga imaze gukora bityo bituma zigera ku musaruro ushimishije. Urugero, nka gahunda ya Girinka yavuguruwe inshuro zirenze eshatu mu gihe kitageze ku myaka itanu kugira ngo irushaho kwibanda ku gukemura ibibazo byagendaga bivuka uko gahunda yashyirwaga mu bikorwa. Uko ni nako Gahunda y'Ubwisungane mu kwivuzza yavuguruwe yegerezwa abaturage cyane binyuze mu ikoranabuhanga, haba mu kwishyura ndetse no gutanga serivisi za ngombwa ku mugenerwabikorwa. Ni muri urwo rwego kandi VUP yavuguruwe ikanakwizwa mu gihugu hose kugira ngo ikemure ibibazo byihariye by'abagenerwabikorwa, ikwire hose kandi ishyireho uburyo buboneye bwo gukura abantu mu bukene bukabije.

Iyi Raporo iragaragaza ko gubuzza hamwe politiki zitandukanye bituma umusaruro urushaho gufatika: bitewe nuko kenshi abakene baba bafite ingorane nyinshi zitandukanye, byaragaragaye ko abantu bagezweho na gahunda zirenze imwe icyarimwe (urugero, VUP, Girinka na/cg Mutuweli) babona umusaruro ushimishije kurushaho, haba kwiyungura ubumenyi, kwivuzza, kuzamura imibereho ndetse kuva mu bukene mu buryo burambye (urugero mu kugira ibikoresho by'ibanze no kwizigama) kurusha abahuye na gahunda imwe rukumbi. Ibi byerekana ko kugira ngo abantu benshi bashobore kuva mu bukene n'imibereho ya muntu izamuke bizasaba gukomatanywa gahunda nyinshi. Birakenewe ko habaho kungurana ibitekerezo, guhuza ibikorwa n'imbaraga ngo ibi bigerweho.

Ibirebana no gutegura ingamba no kuzishyira mu bikorwa hagamijwe kugera ku ntego: Nyinshi mu ngamba zatekerejwe kugira ngo zisubize ibibazo byariho, bizwi neza, no kugira ngo hasubizwe ibikenewe kandi byifuzwa n'abaturage. Ku-



gena no gushyira mu bikorwa izo ngamba byavuguruwe buri gihe kugira ngo zishobore gufasha gushyirahamwe imibogamizi zose zaba zibonetse kandi ishyirwa mu bikorwa rigere ku bisubizo. Eshyamba zasesengurwe zifitanye isano n'amavugurura areba kandi ashingiyeye ku muturage. Ibyo byatumye uruhare rw'umuturage rwiyongera, imibereho myiza y'abakene irazamuka, ntawurenganyijwe ndetse hanajyaho uburyo bwo gushyirahamwe ibyagezweho mu buryo burambye. Izi ngamba zigamije kugera ku musaruro mwinshi hakoreshejwe ubushobozi bukurikira nk'uko Imihigo yakomeje kubigeraho. Urugero rwa hafi ni ubwisungane mu kwivuzwa, Mutuweli, aho 82 ku ijana by'amafaranga yose akoreshejwe mu kuvura nyirizina naho 18 ku ijana yonyine akaba ariyo agenda ku micungire y'iyi gahunda ya mutuweli.

Imbogamizi n'amahirwe byatuma amajyambere ya muntu yihuta kandi akaramba binyuze mu Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda.

Iyi Raporo yerekana neza inzitizi zibangamira amajyambere ya muntu mu Rwanda. Mu nzitizi zigomba gukemurwa harimo n'izi zikurikira:

- Nubwo hari byinshi byakozwe ngo ubukene bugabanywe mu Rwanda, *abanyarwanda benshi bakomeje kutagera uruhare ku byangombwa nkenerwa byinshi*. Ubusumbane bushingiye gitsina ndetse n'uburi hagati y'uturere ni ingero zifatika zigaragaza ubwo busumbane.
- Twakongeraho ko abanyarwanda hirya no hino mu gihugu bagihura n'ingorane nyinshi zibangamira guteza imbere amajyambere ya muntu. Raporo irerekana ko ingorane mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage zitizwa umurindi n'ubushobozi buke, imiterere y'abaturage, ubumenyi buke na tekinoloji bikeya mu baturage bituma badashobora gushakisha neza uburyo butandukanye bwababeshaho bikanagira ingaruka mbi ku bidukikije


n'ihindagurika ry'ibihe.

- *Inzitizi ikomeye kurusha izindi ishobora kuba ari ubushobozi buke mu buyobozi bw'inzego z'ibanze mu gushobora gushyira mu bikorwa politiki zagenwe cyane cyane ingorane mu guhangana n'ibibazo bikomeye by'amajyambere birimo nko gushyira mu bikorwa ingamba zihanga udushya binyuze muri gahunda y'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda. Ubwo bushobozi buke bugaragarira cyangwa bukazana uguhuza ibikorwa kutanoze, uburyo bwo guhanahana amakuru no gucunga ubumenyi butuzuye ndetse n'imikorere itanoze mu gushyira mu bikorwa ibyateganyijwe maze bigatuma umusaruro utagera ku rwego rwifuzwaga.*

Umusozo n'ibyifuzo



Mu rwego rwo gukemura imbogamizi no kwihutisha amajyambere arambye ya muntu, Raporo irakangurira politiki n'ibikorwa bikurikira by'umwihariko:

- *Gushimangira ibyagezweho, gushyira hamwe no kubika amasomo yavuye muri gahunda y'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda, mu bice byose by'amajyambere ya muntu no kubaka ubushobozi bwo gusigasira ibyagezweho. Kwongera ishoramari kugira ngo twongere ibikorwa bya gahunda y'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda mu bwinshi no mu bwiza ku buryo twongera ibyiza byazo ku baturage bababaye kurusha abandi.*
- *Guhuriza hamwe ingamba kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ribyare umusaruro urusheho kuba mwiza.*
- *Gushishikariza abantu kwongera udushya ngo bijyane n'impinduka mu miterere y'abaturage, ubukungu n'imibereho by'abaturage, inzego z'ubuyobozi ndetse n'ibyifuzo by'abaturage. Umuganda n' Imihigo bigomba kuvugururwa mu buryo bikorwamo.*

- 
- *Gushyira imbaraga mu kunoza no kuvugurura politiki y'igihugu yo kongera imibereho myiza y'abaturage ku buryo gubuzza ibikorwa no guhitamo abagenerwabikorwa binozwa.*
 - *Kongera umurego mu gukurikirana ibikorwa bigamije imibereho byiza y'abaturage kugira ngo abakennye cyane nabo bafashwe kuva mu bukene bukabije.*
 - *Kongera ubushobozi ku rwego rw'abayobozi ku rwego rw'ibanze kugira ngo bashobore gubuzza ibikorwa no kuzana udushya muri muri Gahunga y'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda.*
 - *Kugira ngo hongerwe ubushobozi, birakenewe byihutirwa kugira ngo y'itegura, ishyirwa mu bikorwa n'itangwa ry'amakuru areba imihigo ko yarushaho kunoga, guhanga udushya no kwerekana umurongo w'Umuganda, kimwe no gushyigikira abagenerwabikorwa ba VUP na Girinka ku buryo burenze ubwo kwibanda mu gushyira izo gahunda mu bikorwa gusa.*
 - *Kwongera urubuga n'agahimbazamusyi kugira ngo urubyiruko rugire ibyo bikorwa ibyarwo. Ni ngombwa gushakisha icyatuma urubyiruko rugira uruhare maze rukitabira ku buryo bufatika. Urugero, urubyiruko rwafashwa kuyobora no guhindura Umuganda mu urubuga rw'amajyamberemuri rijyanye n'iki gihe cy'ikoranabuhanga (digital era). Nanone, ishoramari rya Leta n'abikorera ryafasha mu kwongera umusaruro no kwongerera agaciro amata n'ibiyakomokaho ku buryo byakwongerera amahirwe y'imirimo k'urubyiruko.*
 - *Kwita ku ihindagurika ry'ikirere n'ingaruka zabyo kugira ngo turengere ba nyir'intege nke n'ubukungu buzamuke bityo dushobore gukura abantu benshi mu bukene. Kwita ku ihindagurika ry'ikirere muri gahunda zose za VUP, Imihigo, Umuganda na Girinka byatuma izo gahunda zigera ku ntego zazo.*
 - *Gukoresha tekinoloji n'ubuhanga bushyashya biboneka kugira ngo hakemurwe ikibazo cy'ibura ry'amakuru n'imari maze hongerwe umusaruro. Ikoranabuhanga no guhanga udushya bizongera cyane ingufu gahunda y'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere nyaRwanda.*

Kuri gahunda zimwe zihariye z'Ibisubizo Bishingiye ku Mwimerere Nyarwanda, Raporo irasaba ibi bikurikira:


- *Imibigo*, by'umwihariko iy'inzego zibanze yagombye gushaka no guteza imbere ibikorwa byahindura imibereho y'abaturage bigakemura ibibazo basanzwe bahura nabyo. Abafatanyabikorwa barasabwa gukorera hamwe, mu gute-gura gahunda no kuzishyira mu bikorwa. By'akarusho, hakenewe ibikorwa by'udushya mu mikorere no gutan-ga agahimbazamusyi kugira ngo n'abikorera bagire uruhare rufatika mu gute-gura, gutera inkunga, gushyira mu bikorwa Imihigo, gusigasira ibyakozwe ndetse no kubisakaza hose mu gihugu.
- *Umuganda* ushobora gutera inkunga ikomeye mu kuzamura amajyambere ya muntu wongerera ubushobozi bw'abaturage mu guhanga no gushyira mu bikorwa by'udushya bisubiza ibibazo bafite. Ibi birasaba ko inzego bireba ku rwego rw'igihugu ndetse n'uturere zihuza ibikorwa zikanayobora ibikorwa by'umuganda. Ku bijyanye na gahunda nshya y'umuganda, ni ngombwa gushyiraho urubuga n'uburyo bihuza ibyifuzo by'abaturage kugira ngo umuganda uhuzwe n'imibereho y'abaturage, imiturire yabo na gahunda yo gutunganya imijyi n'ibyarwo.
- *VUP* ishobora kugira uruhare rufatika mu kongerera ubushobozi abariho mu buzima bugoye. Ariko nanone ikeneye gahunda zihariye kugira ngo igere ku bagore kimwe na 40 ku ijana by'abakennye kurusha abandi. By'umwihariko, bishingiye ku ivugururwa ry'ibyiciro by'ubudehe ririmo gukorwa, Gahunda ya VUP ifashisha amafaranga (DS), igera kuri 40 ku ijana bakennye kurusha abandi, kimwe no mu ngo ziyoborwa n'abagore, igomba gushyirwamo imbaraga. Mu rwego rwo kubyaza umusaruro ubushobozi bwose bwa VUP-Imirimo ya Leta (PW), ni ngombwa kongera ingengo y'imari ikoresha kugira ngo iminsi yo gukora buri munegerwabikorwa agenewe yiyongere no kunoza uburyo bwo kwishyura. VUP- Imirimo ya Leta (PW) igomba no guteganya imirimo igamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere.
- Nanone, *VUP-serevisi z'imari (FS)* ishobora gufasha cyane hanogejwe uburyo abagenererwabikorwa batoranywa



hibanzwe ku bakennye kurusha abandi, bagahabwa inguzanyo zihariye ku nyungu ntoya n'izindi gahunda zazamura ubwitabire bw'abagenerwabikorwa, hitawe ku bagore bo mu cyaro, abo mu migi bakennye ndetse n'urubyiruko rwacikirije amashuli.

- Gahunda ya *Girinka* yavugururwa hifashishijwe ubumenyi bwisumbuyeho bw'impuguke zibifitiye ubushobozi ku buryo yazamura imirire myiza, kwihaza mu biribwa, ikongera umusaruro, ikarwanya inzara ndetse ikazamura imibereho y'abaturage. Hakenewe gahunda ihamye yo kubaka ubushobozi bwashyira mu bikorwa Gahunda ya Girinka kugirango igere ku musaruro ushimishije. Ni ngombwa ko haboneka politiki yo kubyaza umusaruro amata n'ibiyakomokaho akongererwa agaciro bikozwe ahanini n'abashoramari bikorera ndetse n'urubyiruko.
- *Gahunda ya Mutuweli*, yagombye kugezwa ku baturage bose kandi hanozwa imikorere yayo. Leta n'abafatanyabikorwa bayo bagombye gushyiramo imbaraga bakareba neza ko abagenerwabikorwa bose no mumiryango ikenyane cyane babona ubwishingizi bwo kwivuzwa.

-
- rage bigakemura imbogamizi basanzwe bahura nazo. Abafatanyabikorwa barasabwa gukorera hamwe, mu gutegura gahunda no kuzishyira mu bikorwa. By’akarusho, hakenewe ibikorwa by’udushya mu mikorere no gutanga agahimbazamusyi kugira ngo n’abikorera bagire uruhare rufatika mu bikorwa byose bireba imihigo ndetse no kubisakaza hose mu gihugu.
 - *Umuganda* ushobora gutera inkunga ikomeye mu kuzamura amajyambere ya muntu wongera ubushobozi bw’umuryango mu kumenya ibisubizo, guhanga no gushyira mu bikorwa udushya bisubiza ibibazo bihari. Ibi byajyana no kumenya inzego zikwiriye kurangaza imbere abanyarwanda haba ku rwego rw’uturere ndetse no ku rwego rw’igihugu, mu kuyobora ibikorwa by’umuganda. Ku bijyanye na gahunda nshya y’umuganda, ni ngombwa gushyiraho urubuga n’uburyo bihuza ibyifuzo by’abaturage kugira ngo umuganda uhuzwe n’imibereho y’abaturage, imiturire yabo na gahunda yo gutunganya imijyi n’ibyarwo.
 - *VUP* ishobora kugira uruhare rufatika mu kongerera imbaraga abariho mu buzima bugoye. Ariko nanone ikeneye gahunda zihariye kugira ngo igere ku bagore kimwe na 40 ku ijana by’abakennye kurusha abandi. By’umwihariko, bishingiye ku ivugururwa ry’inzego z’ubudehe ririmo kuvugururwa ubungubu, Gahunda ya VUP ifashisha amafaranga (DS), yagombye kugera kuri 40 ku ijana bakennye kurusha abandi, kimwe no mu ngo ziyoborwa n’abagore. Mu gusesengura ubushobozi bwose bwa VUP-Imirimo ya Leta (PW), ni ngombwa kwongera ingengo y’imari ikoresheya kugira ngo iminsi yo gukora buri mungerwabikorwa akenewe, yiyongere, no gutekereza ubundi buryo bwo kwishyura bwaba bwiza. VUP- Imirimo ya Leta (PW) igomba no guteganya imirimo igamije gusana ibyangizwa n’impinduka z’ikirere.
 - *Nanone, VUP-servisi z’imari (FS)* ishobora gufasha abababaye kurusha abandi ishyiraho inguzanyo zibagenewe zihariye ku nyungu ntoya zazamura abakene bo mu cyaro no mu migi, byibanda ku bagore ndetse n’urubyiruko rwacikirije amashuri.

- 
-
- *Gahunda ya Girinka* yavugururwa hifashishijwe ubumenyi bwisumbuyeho bw'impuguke zibifitiye ubushobozi ku buryo yazamura imirire myiza, ikongera umusaruro, ikarwanya inzara ndetse ikazamura imibereho y'abaturage. Hakenewe kubakwa ubushobozi bwashyira mu bikorwa Gahunda ya Girinka. Ni ngombwa ko haboneka politiki yo kubyaza umusaruro amata n'ibiyakomokaho akongererwa agaciro hifashishijwe abashoramari bikorera ndetse n'urubiruko mu kuwugeza ku isoko no kuwongerera agaciro.
 - *Gahunda ya Mutuweli*, yagombye kugezwa ku baturage bose kandi hanozwa imikorere yayo. Leta n'abafatanyabikorwa bayo bagombye gushyiramo imbaraga bakareba neza ko abagenerwabikorwa bose no mumiryango ikenyeye cyane babona ubwishingizi bwo kwivuzza.



United Nations Development Programme (UNDP)

1 UN Plaza, New York, New York, 10017, USA

[🌐 http://www.hdr.undp.org/](http://www.hdr.undp.org/)